<p><u>Ingingo ya 13: Impamvu zo kwanga dosiye isaba uruhushya</u></p> <p>Urwego Ngenzuramikorere rwanga dosiye isaba uruhushya mu gihe rusanze:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Dosiye y'ubusabe ituzuye kandi n'amakuru asabwa akaba ataratanzwe mu gihe ntarengwa kivugwa muri aya mabwiriza; 2. Usaba yananiwe kugaragaza ubushobozi bwo mu rwego rwa tekiniiki cyangwa bwo mu rwego rw'imari bwo gukora ibikorwa bitangirwa uruhushya; 3. Usaba cyangwa umwe mu banyamigabane be yananiwe kubahiriza amabwiriza cyangwa ibyemezo byafashwe mbere n'Urwego Ngenzuramikorere; 4. Usaba cyangwa umwe mu banyamigabane be yarakatiwe n'inkiko ku manza z'inshinjabyaha cyangwa yakoze ibikorwa by'uburiganya mu Rwanda. 	<p><u>Article 13: Reasons for rejection of license application</u></p> <p>The Regulatory Authority may reject a license application when:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. The application file is incomplete and the requested information is not submitted within the deadline set in this Regulation; 2. The applicant failed to demonstrate the technical or financial ability to carry out the licensed activities; 3. The applicant or one of the shareholders failed to comply with previous Regulatory Authority directives or other decisions; 4. The applicant or one of the shareholders has history of bad criminal record or fraudulent activities acts within the Republic of Rwanda. 	<p><u>Article 13: Motifs de rejet de la demande de licence</u></p> <p>L'Autorité de Régulation peut rejeter une demande de licence lorsque :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. La demande est incomplète et les informations demandées n'ont pas été soumises dans les délais fixés par le présent Règlement; 2. Le demandeur n'a pas démontré sa capacité technique ou financière d'exercer les activités autorisées; 3. Le demandeur ou l'un des actionnaires n'a pas respecté les directives ou les autres décisions antérieures de l'Autorité de Régulation; 4. Le demandeur ou l'un des actionnaires a des antécédents de mauvais casier judiciaire ou d'actes d'activités frauduleuses dans la République du Rwanda.

<p><u>Ingingo ya 14: Guhindura uruhushya</u></p> <p>Guhindura uruhushya bishobora gukorwa biturutse k'ubushake bw'Urwego Ngenzuramikorere cyangwa bisabwe n'uwahawe uruhushya.</p> <p>Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhindura uruhushya mbere y'uko rurangira mu gihe rusanga urwo ruhushya rugomba guhinduka kugira ngo rubashe guhuzwa n'ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Impinduka zikomeye mu rwego rw'amategeko cyangwa amabwiriza, cyangwa ibyemezo by'inkiko bigira ingaruka ku bikubiye muri urwo ruhushya mu buryo butaziguye; 2. Iyo habaye impinduka kuri nyiri uruhushya cyangwa mu miyoborere y'uwahawe uruhushya. Icyo gihe uwahawe uruhushya abimenyesha Urwego Ngenzuramikorere. 	<p><u>Article 14: Modifications of license</u></p> <p>A license modification proceeding may be initiated by the Regulatory Authority or on request of the license holder.</p> <p>The Regulatory Authority may modify a license before the expiration of the license term when it determines that a modification of the license is needed in order to respond to:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Significant changes in the governing laws or regulations, or Court decisions that directly affect the license terms and conditions; 2. When there are changes in the ownership or organizational status of the licensee. The latter shall notify the Regulatory Authority. 	<p><u>Article 14: Modification de licence</u></p> <p>La procédure de modification de licence peut être initiée par l'Autorité de Régulation ou à la demande du titulaire de licence.</p> <p>L'Autorité de Régulation peut modifier une licence avant son expiration lorsqu'elle estime qu'une modification de la licence est nécessaire pour répondre à:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. changements importants dans les lois ou règlements en vigueur, ou des décisions de justice qui affectent directement les termes et conditions de la licence; 2. Lorsqu'il y a des changements en ce qui concerne les propriétaires ou le statut organisationnel du titulaire de la licence. Ce dernier en informe l'Autorité de régulation.
<p><u>Ingingo ya 15: Ihererekanya ry'imirimo ikubiye mu ruhushya</u></p> <p>Guherekanya uruhushya harimo kurugurisha mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, kurutiza, kurutanga, kurukodesha cyangwa guhererekanya imirimo cyangwa ibikorwa birushamikiyeho ngo bihabwe undi muntu cyangwa Ikigo, bikorwa ari uko byabanje gutangirwa uburenganzira bwanditswe n'Urwego Ngenzuramikorere.</p> <p>Uko kwemerwa kuba habanje gusuzumwa ubusabe kandi muri iryo suzuma bikagaragara</p>	<p><u>Article 15: License activities transfer</u></p> <p>Transfer of license, including the direct or indirect sale, assignment, conveyance, lease or other transfer of assets or activities subject to a license to an individual or institution is subject to a prior written approval of the Regulatory Authority.</p> <p>The transfer activities approval is granted after consideration of the matter and if the proposed</p>	<p><u>Article 15: Transfert d'activités de licence</u></p> <p>Le transfert de licence, y compris la vente directe ou indirecte, la cession, la transmission, le bail ou tout autre transfert d'actifs ou d'activités soumis contenus dans la licence à une personne ou une institution est soumis à l'approbation écrite préalable de l'Autorité de Régulation.</p> <p>L'approbation des activités de transfert est accordée après examen de la demande et si le</p>

<p>ko ugiye kuruhabwa mushya yujuje ibisabwa byose byerekeranye no gutanga urwo ruhushya.</p> <p>Icyakora, ukugurisha imigabane uko ari ko kose kugomba kuzuzwa ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Igenamigambi ry'ubucuruzi ry'imyaka itanu (5) rya sosiyeti; 2. Amasezerano y'ubugure hagati ya sosiyeti ifite urushushya n'umunyamigabane mushya ariho umukono wa noteri; 3. Ikimenyetso cyo gushora imari kugira ngo umusaruro no gukora neza bigere ku gipimo cyo hejuru; 4. Ibindi byose bisabwa kuzuzwa bishobora kugenwa n'Urwego Ngenzuramikorere. <p>Iyo guhererekanya uruhushya bidakurikije inzira zigenwe urushushya rushobora guhagarikwa by'agateganyo.</p>	<p>transferee meets all the requirements for granting the relevant license.</p> <p>However, any sale of shares is subject to the following additional requirements:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Updated 5 years' business plan of the company; 2. The notified sales contract between the licensed company and the new shareholder; 3. Proof of investment for new level of productivity and efficiency; 4. Any additional requirements that may be required by the Regulatory Authority. <p>Failure to comply with the transfer process leads to license suspension.</p>	<p>cessionnaire proposé remplit toutes les conditions d'octroi de la licence en question. Toutefois, toute vente d'actions est soumise aux exigences supplémentaires suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Plan d'action actualisé de cinq ans de la société ; 2. le contrat de vente notifié entre la société détentrice de licence et le nouvel actionnaire; 3. preuve d'investissement pour un nouveau niveau de productivité et d'efficacité; 4. Toute condition supplémentaire pouvant être exigée par l'Autorité de Régulation. <p>Le non-respect de la procédure de transfert établie entraîne la suspension de licence.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Inzira zikurikizwa mu guhererekanya ibikorwa by'uruhushya</u></p> <p>Gugererekanya uruhushya bikorwa bisabwe n'uwaruhawe asobanura impamvu z'iryo hererekanya kandi ubwo busabe bugomba guherekezwa n'ikimenyetso cy'uko usanganywe uruhushya yishyuye amafaranga yose yasabwaga mu rwego rw'amategeko kimwe n'imiterere y'imigabane y'uwakira uruhushya.</p>	<p><u>Article 16: Procedure for license activities transfer</u></p> <p>A license activities transfer proceeding is initiated by an application from the licensee stating the reasons for such transfer and shall be accompanied by evidence of payment of all fees and levies required by law by the transferor if any, as well as the shareholding structure of the transferee.</p>	<p><u>Article 16: Procédure de transfert d'activités de licence</u></p> <p>La procédure de transfert d'activités de licence est initiée par une demande émanant de la personne titulaire de la licence indiquant les raisons de ce transfert et elle est accompagnée par une preuve de paiement de tous les frais et taxes exigés par la loi au cédant le cas échéant, ainsi que la structure d'actionnariat du cessionnaire.</p>

<p>Mu gihe cyose Urwego Ngenzuramikorere rutarashyira ahagaragara icyemezo cyo kwemera iryo hererekanya, uwahawe uruhushya ntiyemerewe guhererekanya ibikorwa biteganyijwe mu ruhushya n'undi muntu.</p> <p>Inzira ikurikizwa mu guhererekanya ibikorwa biteganyijwe mu ruhushya ni imwe n'ikurikizwa mu isuzumwa ry'ubusabe bw'uruhushya. Uweguriwe uruhushya afatwa nk'usaba gukora ibikorwa by'uruhushya.</p> <p>Igihe uruhushya rumara n'ibisabwa muri urwo ruhushya ntibihinduka, uretse gusa iyo uwegurirwa uruhushya asabye ko ruhindurwa nk'igice kimwe mu bigize igikorwa cy'iherekanya.</p>	<p>Until the Regulatory Authority has issued an approval of the transfer, no licensee may transfer the license activities to another person.</p> <p>A license activities transfer process is conducted in the same manner as review of a license application. The transferee is considered as the applicant to assume the operational license. The duration of the license and the license terms and conditions remain the same, unless the license transferee requests a license modification as part of the transfer process.</p>	<p>Avant que l'Autorité de Régulation n'ait donné son approbation de transfert, aucun titulaire de licence ne peut transférer les activités de sa licence à une autre personne.</p> <p>Le transfert d'activités de licence est effectué dans la même manière que l'examen d'une demande de licence. Le cessionnaire est considéré comme le demandeur qui doit assumer l'opération de la licence. La durée les termes et conditions de la licence restent les mêmes, sauf si le cessionnaire en demande une modification de licence comme une partie de la procédure de transfert.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Kwambura uruhushya burundu</u></p> <p>Inzira yo kwambura uruhushya burundu ishobora gutangizwa n'Urwego Ngenzuramikorere cyangwa bisabwe n'uwahawe uruhushya.</p> <p>Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwambura burundu uruhushya nyirarwo mbere y'uko rurangira mu gihe rubona ko ari ngombwa kugira ngo hashe gukemuka ibi bibazo bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Uwahawe uruhushya ntiyubahirije amabwiriza akoreshwa cyangwa ibikubiye mu ruhushya; 2. Uwahawe uruhushya yaretse ibikorwa bivugwa mu ruhushya; 3. Uwahawe uruhushya yananiwe gutanga amakuru arebana na raporo n'ibikorwa cyangwa yananiwe gukorana neza 	<p><u>Article 17: License revocation</u></p> <p>A license revocation proceeding may be initiated by the Regulatory Authority or on request of the licensee.</p> <p>The Regulatory Authority may revoke a license before the expiration of the license term when it determines that revocation is needed in order to respond to:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Licensee failure to comply with applicable regulations as well as license terms and conditions; 2. Licensee abandonment of license activities; 3. Failure of the licensee to provide the Regulatory Authority with monitoring and reporting data required by the 	<p><u>Article 17: Révocation de licence</u></p> <p>Une procédure de révocation de licence peut être initiée par l'Autorité de Régulation ou sur demande du titulaire de licence.</p> <p>L'Autorité de Régulation peut révoquer une licence avant l'expiration de la période de licence si elle détermine que la révocation est nécessaire pour répondre à:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Le non-respect par le titulaire de la licence du règlement applicable ainsi que des termes et conditions de la licence ; 2. Abandon des activités de licence par le titulaire de la licence; 3. Défaut du titulaire de la licence de fournir à l'Autorité de Régulation les données de suivi et de rapport requises

<p>n’abakozi b’Urwego Ngenzuramikorere ;</p> <p>4. Uwahawe uruhushya yahaye Urwego Ngenzuramikorere amakuru atari yo cyangwa ayobya igihe yasabaga uruhushya cyangwa aruha bene ayo makuru iyo ruyamusabye;</p> <p>5. Igihombo cyemejwe n’inkiko zibifitiye ububasha;</p> <p>6. Kuba uwahawe uruhushya atishyura amafaranga y’ubugenzuzi asabwa.</p>	<p>license or failure to cooperate with the Regulatory Authority personnel;</p> <p>4. Licensee submission of false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority during license application or in response to the Regulatory Authority request;</p> <p>5. Bankruptcy declared by the Competent Court;</p> <p>6. Licensee failure to pay the required regulatory fees.</p>	<p>par la licence ou défaut de coopération avec le personnel de l’Autorite de Regulation;</p> <p>4. Présentation par le titulaire de licence de données ou d’informations fausses ou délibérément trompeuses à l’Autorité de Regulation au moment de la demande de licence ou en réponse à la demande de celle-ci;</p> <p>5. Faillite déclarée par une juridiction compétente;</p> <p>6. Le non-paiement par le titulaire de la licence de frais de régulation requis.</p>
<p><u>Ingingo va 18: Ubugenzuzi ku butumwa busakazwa</u></p> <p>Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z’ifatabuguzi rya televiziyo ikoresha icyogajuru cyangwa serivisi zo gucunga ifatabuguzi agomba gushyiraho uburyo ababyeyi cyangwa abishingizi bashobora gukoresha mu kugenzura ibiganiro bisakazwa basanga bidakwiye.</p>	<p><u>Article 18: Control to broadcast content</u></p> <p>A licensee to provide subscription satellite television services or subscription management services must provide means that parents or guardians may use to control access to broadcast content that is accessible and that they may consider inappropriate.</p>	<p><u>Article 18: Contrôle sur le contenu diffusé</u></p> <p>Un titulaire de licence de fourniture des services de télévision par satellite par abonnement ou des services de gestion d'abonnement doit fournir des moyens que les parents ou les tuteurs peuvent utiliser pour contrôler l'accès au contenu diffusé qui est accessible et qu'ils peuvent considérer comme inapproprié.</p>
<p><u>Ingingo va 19: Ibibujijwe muri serivisi z’ifatabuguzi rya televiziyo ikoresha icyogajuru</u></p> <p>Uwahawe uruhushya ntiyemerewe gusakaza ibiganiro bya shene za televiziyo bikurikira:</p> <p>a. ubutumwa cyangwa ikiganiro adafiteho uburenganzira nk’umuhanzi wacyo;</p> <p>b. ikimenyetso cyo gusakaza amakuru yahawe kugira ngo yongere agitangaze, cyeretse gusa iyo, mbere yo kugitangaza cyangwa kongera kugitangaza, yahawe</p>	<p><u>Article 19: Restrictions on the subscription satellite television services</u></p> <p>A licensee shall stop to carry any TV channels broadcasting;</p> <p>a. any material or program of which he or she is not the copyright owner;</p> <p>b. any broadcasting signal received by him or her for the purpose of re-broadcasting</p>	<p><u>Article 19: Restrictions sur les services de television par satellite par abonement</u></p> <p>Un titulaire de licence doit cesser de diffuser toutes les chaînes de télévision diffusant ;</p> <p>a. toute matière ou programme dont il n'est pas le titulaire des droits d'auteur;</p> <p>b. tout signal de radiodiffusion reçu par lui aux fins de rediffusion, à moins qu’il n’ait préalablement obtenu une autorisation écrite de le faire de la part</p>

<p>n'ufite uburenganzira ku gihangano bujyanye n'icyo kiganiro cyangwa porogaramu uburenganzira bwanditse bwo kugitangaza cyangwa kongera kugitangaza bitewe n'uko ibintu biteye.</p>	<p>unless he or she has, prior to the broadcast or re-broadcast, obtained a written permission of the copyright owner the material, programme, or re-broadcasting signal, as the case may be, to do so.</p>	<p>du propriétaire de droit d'auteur de la matière, du programme, ou du signal avant sa diffusion ou sa rediffusion selon le cas.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Ihinduka ry'ibiciro</u></p> <p>Uwahawe uruhushya agomba kumenyesha Urwego Ngenzuramikorere mu nyandiko, impinduka zose zabaye ku rutonde rw'ibiciro bya serivisi zihabwa abafatabuguzi n'impamvu zifatika zituma izo mpinduka zigomba kubaho mu byumweru bitatu (3) byibura mbere y'ishyirwamubikorwa ry'izo mpinduka. Impinduka zijyanye n'ibiciro zose zigomba kwemerwa n'Urwego Ngenzuramikorere mu minsi irindwi (7) y'akazi rukimara kwakira iryo menyesha. Uwahawe uruhushya ntabwo yemerewe gukora impinduka ku rutonde rw'ibiciro atabyemerewe n'Urwego Ngenzuramikorere.</p>	<p><u>Article 20: Price change</u></p> <p>The licensee must notify the Regulatory Authority, in written, any change on pricelist of services provided to the subscribers and tangible reasons of change (s) at least three (3) weeks before implementing the price change. Any price change must be approved by the Regulatory Authority within seven (7) working days upon reception of the notification. The licensee shall not make any change on pricelist without the approval from the Regulatory Authority.</p>	<p><u>Article 20: Changement de prix</u></p> <p>Le titulaire d'une licence doit notifier à l'Autorité de régulation, par écrit, tout changement sur le tarif des services fournis aux abonnés et les raisons tangibles du ou des changement(s) au moins trois (3) semaines avant la mise en œuvre du changement de prix. Toute modification de prix doit être approuvée par l'Autorité de Régulation dans les sept (7) jours ouvrables suivant la réception de la notification. Le titulaire de licence ne doit apporter aucune modification au tarif sans l'approbation de l'Autorité de Régulation.</p>
<p>UMUTWE WA III: IGENZURA N'IYUBAHIRIZWA</p>	<p>CHAPTER III: MONITORING AND ENFORCEMENT</p>	<p>CHAPITRE III: SUPERVISION ET MISE EN APPLICATION</p>
<p><u>Ingingo ya 21: Ibikorwa byo kugenzura abahawe uruhushya</u></p> <p>Urwego Ngenzuramikorere rukurikirana imikorere ya buri wese wahawe uruhushya kugira ngo rumenye niba yubahiriza ibikubiye mu ruhushya yahawe uko byakabye.</p> <p>Mu ruhushya rutanga, Urwego Ngenzuramikorere rushyiramo amategeko n'amabwiriza bisaba abahawe uruhushya</p>	<p><u>Article 21: License monitoring</u></p> <p>The Regulatory Authority monitors the performance of each license holder for full compliance with all terms and conditions of the license.</p> <p>The license includes terms and conditions requiring licensees to report on financial,</p>	<p><u>Article 21: Supervision d'une licence</u></p> <p>L'Autorité de Régulation surveille les performances de chaque titulaire de licence afin de s'assurer qu'elles se conforment pleinement à toutes les obligations de la licence.</p> <p>La licence comprend les conditions qui obligent les titulaires de licence à faire des rapports sur les données financières, techniques, d'ordre</p>

<p>gutanga raporo ku makuru yerekeye imari, ibya tekini, imitunganyirize y'akazi n'andi makuru ya ngombwa kugira ngo birufashe gukurikirana neza uko uwahawe uruhushya yubahirizwa inshingano zijyana n'uruhushya yahawe.</p> <p>Urwego Ngenzuramikorere rushobora kandi gukorera amagenzura aho ibikorwaremezo by'uwahawe uruhushya biri n'ibitabo bya sosiyete aho uwahawe uruhushya akorera. Aya magenzura ashobora gukorwa yamenyekanishijwe cyangwa atunguranye. Ubugenzuzi n'amagenzura bigomba gukorwa mu masaha asanzwe y'akazi, keretse iyo Urwego Ngenzuramikorere rufite impamvu zumvikana zo gutekereza ko hari ibikorwa bitubahirije ibisabwa biba nyuma y'amasaha asanzwe y'akazi.</p>	<p>technical, organization and other data needed to allow the Regulatory Authority to effectively monitor the licensee compliance to license obligations.</p> <p>The Regulatory Authority may also perform physical inspections of the license holder's facilities and corporate records on license holder's premises. These inspections may be conducted on an announced and unannounced basis. The inspections and audits are conducted during normal business hours, except when the Regulatory Authority has a reasonable basis to believe that non-compliant activities are occurring outside of normal business hours.</p>	<p>organisationnel, et d'autres nécessaires pour permettre à l'Autorité de Régulation de surveiller efficacement le respect des obligations de licence par son titulaire;</p> <p>L'Autorité de Régulation peut également effectuer des inspections physiques des infrastructures du titulaire de la licence et des registres de la société dans les locaux du titulaire de la licence. Ces inspections peuvent être annoncées ou non annoncées. Les inspections et les audits sont effectuées pendant les heures normales de service, à moins que l'Autorité de Régulation ait des motifs raisonnables de croire que des activités non conformes se déroulent en dehors des heures normales de service.</p>
<p><u>Ingingo ya 22: Ibikorwa bijyanye no kubahiriza ibikubiye mu rushushya</u></p> <p>Iyo Urwego Ngenzuramikorere rusanze uwahawe uruhushya atarubahirije ibikubiye mu ruhushya, rwoherereza uwaruhawe inyandiko yo kumwihanangiriza, irimo n'igihe ntarengwa cyo kuba yakosoye ibyo agaragaraho kuba atarubahirije mu ruhushya yahawe.</p> <p>Iyo uwahawe uruhushya, nyuma yo kwihanangirizwa, adakosoye ibyo aregwa kuba atarubahirije, Urwego Ngenzuramikorere rushobora gufata ibindi bihano bishobora kubamo gucibwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) , guhagarika uruhushya cyangwa kurwamburwa.</p>	<p><u>Article 22: Enforcement action</u></p> <p>If the Regulatory Authority determines that the licensee has failed to comply with any term or condition of the license, the Regulatory Authority sends a written warning to the licensee including a deadline for correction of the alleged license violation.</p> <p>If the license holder, after receipt of the warning from the Regulatory Authority, does not cure the alleged non-compliance, the Regulatory Authority may proceed for further sanctions which may consist of administrative fine not exceeding two million Rwandan Francs (Rwf 2,000,000), license suspension or revocation.</p>	<p><u>Article 22: Mesures d'exécution de la Licence</u></p> <p>Si l'autorité de Régulation détermine que le titulaire de licence n'a pas respecté l'une des conditions de licence, elle peut envoyer un avertissement écrit au titulaire de licence, y compris un délai pour la correction de la violation alléguée de la licence.</p> <p>Si le titulaire, après réception de l'avertissement de l'Autorité de Régulation, ne s'y conforme pas, l'Autorité de Régulation peut procéder aux autres sanctions qui peuvent consister en des amendes administratives n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 Frw), une suspension ou une révocation de la licence.</p>

<p>UMUTWE WA IV: URUTONDE RWA GAHUNDA N'AMASHENE UWAHAWE URUHUSHYA YEMERERWA GUSAKAZA</p>	<p>CHAPTER IV: PROGRAMME GUIDE AND CHANNELS TO BE AIRED BY THE LICENSEE</p>	<p>CHAPITRE IV: GUIDE DU PROGRAMME ET CHAINES DEVANT ETRE DIFFUSEES PAR LE TITULAIRE DE LICENCE</p>
<p><u>Ingingo ya 23: Shene zemewe</u></p> <p>Mu gihe cyo gusuzuma ubusabe, Urwego Ngenzuramikorere rwemeza shene usaba yifuza gusakaza. Iyo usaba amaze guhabwa uruhushya, uhawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'ifatabuguzi rya televiziyo ikoresha icyogajuru no gutanga serivisi zo gucunga ifatabuguzi agomba buri gihe gusakaza shene yemerewe.</p>	<p><u>Article 23: Authorized channels</u></p> <p>In the process of analyzing the application, the Regulatory Authority approves the channels that the applicant intends to air. Once the license is granted to the applicant, the licensee for subscription satellite television services provision and subscription management services provision must always broadcast the authorized channels.</p>	<p><u>Article 23: Les chaînes autorisées</u></p> <p>Lors de l'analyse de la demande, l'Autorité de Régulation approuve les chaînes que le demandeur a l'intention de diffuser. Une fois la licence attribuée au demandeur, le titulaire de la licence doit toujours diffuser les chaînes autorisées pour fournir des services de télévision par satellite par abonnement et pour fournir des services de gestion des abonnements.</p>
<p><u>Ingingo ya 24: Kuvugurura shene no kongera shene nshya ku ipaki isakazwa</u></p> <p>Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi za televiziyo ikoresha icyogajuru afite uburenganzira bwo kuvugurura sheni zisanzweho cyangwa kongera sheni nshya ku ipaki asakaza. Uko byagenda kose, uwahawe uruhushya agomba kumenyesha no guha Urwego Ngenzuramikorere mbere byibura y'ibyumweru bitatu (3), amakuru yanditse akurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Izina rya sheni; 2. Imiterere ya shene n'ibiyisakazwaho; 3. Ikimenyetso cy'uburenganzira bwo gusakaza cyatanzwe n'uwakoze igihangano; 	<p><u>Article 24: Reorganizing channels and Adding new channel to the bouquet</u></p> <p>A licensee for satellite television services and subscription management services is entitled to reorganize the existing channels or add a new channel to his/her bouquet. The licensee must, in any case, inform and provide to the Regulatory Authority at least three (3) weeks before the following written information:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. The name of the channel; 2. The nature of the channel and its content; 3. Broadcasting rights evidence from the content originator; 	<p><u>Article 24: Réorganisation des chaînes et ajout d'une nouvelle chaîne au bouquet</u></p> <p>Un titulaire de licence de fourniture de services de télévision par satellite et de services de gestion d'abonnements a droit de réorganiser les chaînes existantes ou d'ajouter une nouvelle chaîne à son bouquet. Le titulaire de licence doit, en tout état de cause, informer et fournir à l'Autorité de Régulation au moins trois (3) semaines avant les informations écrites suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Le nom de la chaîne; 2. La nature de la chaîne et son contenu; 3. Preuve des droits de diffusion émanant de l'auteur du contenu;

<p>4. Igihugu ipaki y'iyi sheni isakazwa ikomokamo;</p> <p>5. Izina ryuzuye ry'utanga iyo shene;</p> <p>6. Ururimi cyangwa indimi z'ibanze z'iyi shene;</p> <p>7. Igihe iyo shene imara (niba ari shene y'igikorwa runaka cyihariye).</p> <p>Nyuma y'igihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi Urwego Ngenzuramikorere rutagaragaje ko rwanze iyo shene, iyo shene nshya ifatwa nk'iyemewe n'Urwego Ngenzuramikorere.</p>	<p>4. The country where the channel was packaged;</p> <p>5. The full name of channel supplier;</p> <p>6. The primary language(s) of channel; and</p> <p>7. The duration of the channel (whether it is a special event channel).</p> <p>After a period of five (5) working days without any objection from the Regulatory Authority, the new channel is considered as accepted by the Regulatory Authority.</p>	<p>4. Le pays où la chaîne a été empaquetée;</p> <p>5. Le nom complet du fournisseur de chaîne;</p> <p>6. La ou les langues principales de la chaîne; et</p> <p>7. La durée de la chaîne (qu'il s'agisse d'une chaîne d'événement spécial).</p> <p>Après une période de cinq (5) jours ouvrables sans aucune objection de la part de l'Autorité de Régulation, la nouvelle chaîne est considérée comme approuvée par l'Autorité de Régulation.</p>
<p><u>Ingingo ya 25: Kuvanaho shene</u></p> <p>Uwahawe uruhushya afite uburenganzira bwo kuvana shene mu ipaki kandi iyo ayivanyemo agomba kumenyesha Urwego Ngenzuramikorere byibura mu minsi mironko itatu (30) impamvu zatumye ayivanaho.</p> <p>Iryo menyesha ritangirwa hamwe n'integuza yo gusesa amasezerano n'uwateguye ibitangazwa.</p>	<p><u>Article 25: Removal of a channel</u></p> <p>The Licensee is entitled to remove a channel from the bouquet and by doing so he or she must notify the Regulatory Authority at least thirty (30) days the reason behind of such removal. The notification shall be submitted together with termination notice from the content originator.</p>	<p><u>Article 25: Retrait d'une chaîne</u></p> <p>Le titulaire de la licence a le droit de retirer une chaîne du bouquet et, ce faisant, il doit informer l'Autorité de Régulation dans un délai de trente (30) jours du motif de ce retrait. La notification doit être soumise avec l'avis de résiliation émanant de l'auteur du contenu.</p>
<p><u>Ingingo ya 26: Inyandiko koranabuhanga ngengamikoreshereze ya porogaramu (EPG)</u></p> <p>Uwahawe uruhushya agomba gutegura inyandiko koranabuhanga ngengamikoreshereze ya porogaramu (EPG) igenewe rubanda kugira ngo ruyifashishe</p>	<p><u>Article 26: Electronic programme guide (EPG)</u></p> <p>The Licensee prepares an electronic programme guide (EPG) for audiences to use for accessing information relating to the schedules of</p>	<p><u>Article 26: Guide électronique du programme (EPG)</u></p> <p>Le titulaire de licence doit préparer un guide électronique du programme (EPG) que le public pourra utiliser pour accéder aux informations relatives aux horaires des matières des</p>

<p>kubona amakuru yerekeye ingengabihe z'ibiganiro bihitishwa kuri televiziyo. Uwahawe uruhushya agomba kugenzura ko inyandiko koranabuhanga ngengamikoreshereze ya porogaramu itagora abayikoresha kandi iborohereza gushakisha ikiganiro kiri buhitishwe.</p>	<p>programme materials. A licensee must ensure that an electronic programme guide is user friendly and easy to navigate through programme materials.</p>	<p>programmes. Le titulaire de licence veille à ce que le guide électronique du programme soit facile à utiliser et facile à naviguer dans les matières du programme.</p>
<p><u>Ingingo ya 27: Shene zitegetswe</u> Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'ifatabuguzi rya televiziyo ikoresha icyogajuru na serivisi zo gucunga ifatabuguzi agomba gushyira cyangwa kongera ku rwunge rw'amashene ye amashene y'ibiganiro bya televiziyo by'usakaza amakuru bigenewe rubanda bifatwa nk'ibitegetswe.</p>	<p><u>Article 27: Must carry channel(s)</u> The licensee of subscription satellite television services provision and subscription management services provision must carry or add to his bouquet channel(s) of public television broadcaster designated as must carry channel.</p>	<p><u>Articles 27: Les chaînes obligatoires</u> Le titulaire d'une licence de fourniture de services de télévision par satellite par abonnement et de fourniture de services de gestion des abonnements doit diffuser ou ajouter à son bouquet les chaînes de télévision du radiodiffuseur public désignées comme chaînes obligatoires.</p>
<p><u>Ingingo ya 28: Shene zitishyurwa</u> Utanga serivisi z'ifatabuguzi rya televiziyo ikoresha icyogajuru cyangwa utanga serivisi zo gucunga ifatabuguzi yemerewe gushyira shene zitishyurwa mu rwunge rw'amashene ye.</p>	<p><u>Article 28: Free to air channels</u> The subscription satellite television services provider or subscription management services provider is allowed to include free to air channels in his bouquets.</p>	<p><u>Article 28: Les chaînes gratuites</u> Le fournisseur de services de télévision par satellite par abonnement ou le prestataire de services de gestion d'abonnement est autorisé à inclure des chaînes gratuites dans ses bouquets.</p>
<p><u>Ingingo ya 29: Irangira ry'ifatabuguzi</u> Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'ifatabuguzi rya televiziyo ikoresha icyogajuru n'uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi zo gucunga ifatabuguzi bagomba kumenyesha abafatabuguzi babo igihe ifatabuguzi ryabo rizarangirira mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) mbere y'uko ifatabuguzi rirangira.</p>	<p><u>Article 29: Expiration of the subscription</u> The subscription satellite television services provider licensee and subscription management services provider licensee must alert their subscribers the expiration date of their subscription at least seven (7) days before the subscription expiration.</p>	<p><u>Article 29: Expiration de l'abonnement</u> Le titulaire de licence de prestation de services de télévision par satellite par abonnement et le titulaire de licence de prestation de services de gestion des abonnements doivent informer leurs abonnés de la date d'expiration de leurs abonnements au moins sept (7) jours avant l'expiration de l'abonnement.</p>

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA	CHAPTER V: FINAL PROVISIONS	CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES
<p><u>Ingingo ya 30: Ivanwaho z’ingingo zinyuranye n’aya mabwiriza</u> Amabwiriza no 02/RURA/2014 yo ku wa 12/02/2014 agenga serivisi z’ifatabuguzi rya televiziyo ikoresha icyogajuru n’ingingo zose z’amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo bivanyweho.</p>	<p><u>Article 30: Repealing provision</u> The regulations no 02/RURA/2014 of 12/02/2014 governing subscription satellite television services and all prior provisions contrary to this regulation are hereby repealed.</p>	<p><u>Article 30 : Disposition abrogatoire</u> Le règlement n° 02/RURA/2014 du 12/02/2014 régissant les services de télévision par satellite par abonnement et toutes les dispositions antérieures contraires à ce règlement sont abrogés.</p>
<p><u>Ingingo ya 31 : Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa</u> Aya amabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu ashyiriweho umukono na Perezida w’Inama Ngenzuramikorere.</p> <p>Ku wa 23/12/2021 (sé)</p> <p>(sé)</p> <p>Dr. Ignace GATARE Umuyobozi w’Inama Ngenzura mikorere</p>	<p><u>Article 31: Commencement</u> This regulation comes into force on the date of its signature by the Chairperson of the Regulatory Board.</p> <p>Done on 23/12/ 2021</p> <p>(sé)</p> <p>Dr. Ignace GATARE Chairperson of the Regulatory Board</p>	<p><u>Article 31: Entrée en vigueur</u> Le présent règlement entre en vigueur à la date de sa signature par le Président du Conseil de Régulation</p> <p>Fait le 23/12/2021</p> <p>(sé)</p> <p>Dr. Ignace GATARE Président du Conseil de Régulation</p>

UMUGEREKA WA 1

AMAFARANGA ASABWA

Icyiciro cy'uruhushya	Amafaranga y'ubusabe	Amafaranga y'uruhushya
Uruhushya rwo gutanga service z'ifatabuguzi rya televiziyo ikoresha icyogajuru	500.000 Frw	12.000.000 Frw
Uruhushya rwo gutanga serivisi zo gucunga ifatabuguzi	500.000 Frw	12.000.000 Frw

**TWABIBONYE KUGIRA NGO BYOMEKWE KU MABWIRIZA N°016/R/MR-
ICT/RURA/2021 YO KU WA 23/12/2021 AGENGA ITANGWA RYA SERIVISI
Z'IFATABUGUZI RY'ISAKAZAMAKURU HAKORESHEJWE ICYOGAJURU**

(sé)

Dr. Ignace GATARE

Umuyobozi w'Inama Ngenzuramikorere

UMUGEREKA WA 2

IBIMENYETSO BY'INGENZI BY'IMIKORERE

No s	Ikimenyetso cy'Ingenzi cy'Imikorere (KPI)	Urwego rw'isuzuma ry'imikorere	Igihe raporo itangirwa
1	Igihe cyo gutanga ihuzamirongo rya mbere	Mu masaha 24 nyuma yo gushyira umukono ku masezerano.	Igihembwe
2	Ikigero cy'abinubira serivisi zitangwa	< 1% by'abakiriya banditswe mu gihe cy'iminsi 30	Igihembwe
3	Ikigero cy'ibibazo by'abakiriya bikemurwa	> 95% by'ibibazo bikemurwa mu masaha 24 > 99% by'ibibazo bikemurwa mu masaha 48	Igihembwe
4	Igihe cyo gushyira serivisi ku murongo	> 99% by'ubusabe bushyirwa ku murongo mu gihe cy'isaha imwe nyuma yo kwishyura ifatabuguzi	Igihembwe
5	Uko ihuzamirongo riboneka	> ya 99% by'igihe	Igihembwe

Icyitonderwa: - Ibibazo byose byandikwa n'utanga serivisi z'ifatabuguzi ry' isakazamakuru hakoreshejwe icyogajuru wabihereye uruhushya hamwe n'amakuru arambuye ku mufatabuguzi arimo ariko atari yo gusa: Amazina y'umufatabuguzi, Numero y'umufatabuguzi yihariye, Numero ya telefone, ikibazo cyatanzwe, itariki n'isaha ikibazo cyatangiweho, itariki n'isaha ikibazo cyakemuriweho.

TWABIBONYE KUGIRA NGO BYOMEKWE KU MABWIRIZA N°016/R/MR-ICT/RURA/2021 YO KU WA 23/12/2021 AGENGA ITANGWA RYA SERIVISI Z'IFATABUGUZI RY'ISAKAZAMAKURU HAKORESHEJWE ICYOGAJURU

(sé)

Dr. Ignace GATARE

Umuyobozi w'Inama Ngenzuramikorere

ANNEX 1

APPLICABLE FEES

Category	Application fee	License fee
Subscription satellite television services provision license	Rwf 500,000	Rwf 12,000,000
Subscription management services provision license	Rwf 500,000	Rwf 12,000,000

SEEN TO BE ANNEXED TO REGULATION REGULATION N°016/R/MR-ICT/RURA/2021 OF 23rd/12/2021 GOVERNING SUBSCRIPTION SATELLITE BROADCASTING SERVICES PROVISION

(sé)

Dr. Ignace GATARE

Chairperson of the Regulatory Board

ANNEX 2

KEY PERFORMANCE INDICATORS

No s	Key Performance Indicator (KPIs)	Performance assessment level	Reporting Period
1	First connection provision Time	Within 24 hours after contract signature.	Quarterly
2	Service Complaint rate	< 1% of registered customers within a period of 30 days	Quarterly
3	Customer Complaint Resolution rate	> 95% of complaints shall be resolved within 24 hours > 99% of complaints shall be resolved within 48 hours	Quarterly
4	Service Activation Time	> 99% of requests activated within 1 hour after subscription payment	Quarterly
5	Network Availability	> 99% of the time	Quarterly

Note: -All complaints shall be recorded by the licensed subscription satellite broadcasting service provider with the subscriber details including but not limited: Subscriber Names, Unique Subscription Number, Telephone Number, Complaint raised, complaint submission date and hour, complaint resolution date and hour.

**SEEN TO BE ANNEXED TO REGULATION REGULATION N°016/R/MR-ICT/RURA/2021 OF
23rd/12/2021 GOVERNING SUBSCRIPTION SATELLITE BROADCASTING SERVICES
PROVISION**

(sé)

Dr. Ignace GATARE

Chairperson of the Regulatory Board

ANNEXE 1

FRAIS APPLICABLES

Catégorie	Frais applicables	Frais de licence
Licence de prestation de services de télévision par satellite par abonnement	500.00 Frws	12.000.000 Frw
Licence de prestation de services de gestion des abonnements	500.00 Frws	12.000.000 Frw

VU POUR ETRE ANNEXE AU RÈGLEMENT N°016/R/MR-ICT/RURA/2021 DU 23/12/2021 REGISSANT LA PRESTATION DES SERVICES DE RADIODIFFUSION PAR SATELLITE PAR ABONNEMENT

(sé)

Dr. Ignace GATARE

Président du Conseil de Régulation

ANNEXE 2

INDICATEURS DE PERFORMANCE CLÉS

No s	Indicateur de Performance Clés (KPI)	Niveau d'évaluation de la performance	Période de rapport
1	Temps de fourniture de première connexion	Dans les 24 heures suivant la signature du contrat	Trimestre
2	Taux de réclamations concernant le service	< 1% des clients enregistrés dans un délai de 30 jours	Trimestre
3	Taux de résolution des réclamations des clients	> 95% des réclamations doivent être résolues dans les 24 heures > 99% des réclamations doivent être résolues dans les 48 heures	Trimestre
4	Temps d'activation du service	> 99% des demandes activées dans 1 heure après le paiement de l'abonnement	Trimestre
5	Disponibilité du réseau	> 99% du temps	Trimestre

N.B : - Toutes les plaintes doivent être enregistrées par le prestataire de services de radiodiffusion par satellite agréé avec les détails de l'abonné, y compris, mais sans s'y limiter à: les noms de l'abonné, le numéro unique d'abonnement, le numéro de téléphone, la plainte déposée, la date et l'heure de dépôt de la plainte, la date et l'heure de résolution de la plainte.

VU POUR ETRE ANNEXE AU RÈGLEMENT N°016/R/MR-ICT/RURA/2021 DU 23/12/2021 REGISSANT LA PRESTATION DES SERVICES DE RADIODIFFUSION PAR SATELLITE PAR ABONNEMENT

(sé)

Dr. Ignace GATARE

Président du Conseil de Régulation